

P-EBT ni iki?

Kohereza ibigenwa mu gihe k'icyorezo mu buryo bwa elegitoroniki (P-EBT) ni ibigenwa bifasha kugura ibyo kurya ku miryango ifite abana babuze amafunguro y'ubuntu cyangwa y'igicro kigabanyije ku ishuri by'igihe gito bitewe n'ifunga ry'amashuri rifitanye isano n'icyorezo mu gihe icyo ari cyo cyose mu mwaka w'amashuri wa 2020-2021.

Kwemererwa P-EBT* bigenwa no kuba muri porogaramu y'igihugu itanga amafunguro ya saa sita ku mashuri, ibyo kurya by'ubuntu cyangwa by'igicro kigabanyije ku mashuri, n'iminsi umunyeshuri yigiye mu buryo bw'iyakure cyangwa kuri interineti (nibura iminsi 5 ikurikiranye).

*Turagushishikariza kuvugana n'ishuri rikwegereye niba ushaka gusaba amafunguro y'ubuntu cyangwa y'igicro kigabanyije. [Utahns Against Hunger](#) ifite uburyo bwo kuvugana n'ishuri ryawe.

Nabwirwa n'iki ko nujuje ibisabwa?

Kugira ngo abanyeshuri bahabwe P-EBT, bagomba kwiandikisha kugira ngo bahabwe amafunguro y'ubuntu cyangwa y'igicro kigabanyije ku ishuri binyuze mu mashuri yabo.

Umuntu wese wahawe imfashanyo yo kongera ibiribwa (SNAP) kuva muri Nzeri 2020 kugeza mu kwezi turimo, kandi akaba yemerewe P-EBT, azakenera kugenzura amafaranga asigaye ku ikarita ya EBT ye. Ibigenwa na P-EBT bizongerwa ku ikarita ye ya EBT ya SNAP.

Ku ngo zitari muri porogaramu ya SNAP, niba wujuje ibisabwa, uzoherezwa ikarita nshya ya P-EBT (isa n'ikarita yo kubikuza), nubwo haba hari iyo wahawe mu gihe zatangwaga muri 2020. Ongera urebe kuri uru rupapuro kugira ngo umenye niba hashobora kuboneka ibindi bigenwa bya P-EBT n'igihe byabonekera.

[Amashuri yashyizwe mu mashuri azahabwa bwa mbere](#) | [Español](#)

Ikarita ikoreshwa gute?

Numara kwemererwa, uzoherezwa ikarita ya P-EBT ku iposita. Uzaba ugomba gufungura ikarita yawe mbere yo kuyikoresha. Wayikoresha mu kugura ibyo kurya.

Kurikiza intambwe zikurikira mu gihe ukoresha ikarita yawe:

- Emerera ikarita yawe gukora mbere yo guhaha uhitamo PIN yawe. Uzahabwa amabwiriza y'uburyo ushyira PIN yawe ku ikarita yawe.
- Kurura porogaramu ya connectebt y'ibikoresho ngendanwa cyangwa wimenyereze gukoresha urubuga [connectebt.com](#).
- Genzura buri gihe amafaranga ariho mbere yo guhaha.
- Ku iduka, hitamo EBT ku mashini ikura amafaranga ku ikarita (cyangwa imashini isoma amakarita) hanyuma usunike ikarita yawe.
- Andika PIN yawe ku gice kiriho imibare. Imashini izerekana ****.

- Kanda buto yanditseho OK cyangwa ENTER.
- Umubitsi azandika umubare w'amafaranga y'ikiguzi, hanyuma agaragare ku mashini ikura amafaranga ku ikarita (cyangwa imashini isoma amakarita).
- Niba umubare ari wo, kanda buto yanditseho YEGO.
- Umubitsi azaguha fagitire. Reba neza ko amakuru ari kuri fagitire ari yo.
- Bikira iyi fagitire kugira ngo ubutaha nujya guhaha uzamenye amafaranga usigaranyeho.

Amakarita ya P-EBT ashobora gukoreshwa nk'amakarita yo kubikuzi ku maduka menshi agurisha ibyo kurya. Wabona urutonde rw'amaduka yemewe mu gace utuyemo wandika kodi y'iposita yawe kuri [porogaramu ishakisha abacuruzi](#).

Hasi hari urutonde rw'ibintu wagura n'ibyo udashobora kugura.

USHOBORA kugura ibyo kurya bidateguye nk':

- Umugati n'ibinyampeke
- Imbutu n'imboga
- Inyama, amafi n'ibiguruka
- Amata n'ibiyakomokaho
- Ibiringwa n'imbutu byo gutera

NTUSHOBORA kugura ibintu nk':

- Ibiryo biteguye, urugero, ibiryo bishyushye n'ibishobora kurirwa mu iduka
- Inzoga, divayi, inzoga zikomeye, isegereti cyangwa itabi.
- Ibintu bitari ibyo kurya, urugero, ibiryo by'amatungo, isabune, impapuro, ibikoresho by'isuku
- Vitamini n'imiti
- Ibikoresho by'isuku byihariye, ni ukuvuga shampo, parufe, umuti w'amenyo, amavuta n'ibindi byo kwisiga

IBIBAZO BIKUNZE KWIBAZWA

Nabwirwa n'iki ko umwana wange yemerewe ibigenwa na P-EBT?

Umwana uwo ari we wese wemerewe amafunguro ku buntu cyangwa ku giciro kigabanyije (ifunguro rya mu gitondo n'cyangwa irya saa sita) cyangwa wiga ku ishuri rifatwa nk'irifite umubare munini w'abana bemerewe aya mafunguro ashobora guhabwa amafaranga ya P-EBT mu gihe ishuri yigaho ryaba ryarafunze mu gihe k'iminsi itanu ikurikiranye mu mwaka w'amashuri wa 2020-2021.

Ni ngombwa gusaba kujya muri iyi porogaramu?

Gusaba P-EBT si ngombwa kuri iki kiciro k'ibigenwa bya P-EBT. Ariko kandi, ugomba kwiyandikisha ku ifunguro rya saa sita ry'ubuntu ritangirwa ku ishuri cyangwa ry'igiciro kigabanyije. Vugana n'ishuri rikwegereye niba ushaka gusaba amafunguro y'ubuntu cyangwa y'igiciro kigabanyije. [Utahns Against Hunger](#) ifite uburyo bwo kuvugana n'ishuri ryawe.

Ni gute umwana wange azahabwa ibi bigenwa?

Ibigenwa bya P-EBT bizatangwa ku ikarita ya EBT, isa n'ikarita yo kubikuza. Iyi karita izoherezwa ku iposita iriho amabwiriza yo gufungura ikarita ya EBT no kuyikoresha. Niba usanzwe ufite ikarita ya EBT ya SNAP kandi wujuje ibisabwa ku bigenwa na P-EBT, amafaranga azahita yongerwa ku ikarita yawe.

Ibi bigenwa bizaboneka ryari?

Ibigenwa na P-EBT bizatangira gutangwa mu cyumweru cya nyuma cya Werurwe 2021. Biteganijwe ko tuzatanga andi mafaranga muri Gicurasi, Kamena na Nyakanga 2021.

Bigira agaciro no mu gihe cyahise?

Kwemererwa P-EBT* bigenwa no kuba muri porogaramu y'igihugu itanga amafunguro ya saa sita ku mashuri, ibyo kurya by'ubuntu cyangwa by'igiciro kigabanyije ku mashuri, n'iminsi umunyeshuri yigiye mu buryo bw'iyakure cyangwa kuri interineti. Ibigenwa ni iby'umwaka w'amashuri wa 2020-2021. Turagushishikariza kuvugana n'ishuri rikwegereye niba ushaka gusaba amafunguro y'ubuntu cyangwa y'igiciro kigabanyije no kuganira ku gihe wemerewemo. [Utahns Against Hunger](#) ifite uburyo bwo kuvugana n'ishuri ryawe.

Ni hehe nakoresha ikarita ya P-EBT?

Wakoresha ikarita ya P-EBT ku maduka yose y'ibiribwa yemera amakarita ya EBT ya SNAP. Utah ifite abadandaza bemewe barenga 1400 bashobora kwemera no gucuruza mu bantu ba SNAP ku makarita ya EBT. Aba badandaza batangirira ku masoko manini kugeza ku maduka yoroheje n'amasoko y'abahinzi. Wabona urutonde rw'amaduka yemewe mu gace utuyemo wandika kodi y'iposita yawe kuri [porogaramu ishakisha abacuruzi](#).

Umwana wange yakomeza gukoresha porogaramu y'amafunguro y'igihe k'impeshyi y'ishuri rye mu gihe ahabwa P-EBT?

Yego, kwitabira porogaramu ya P-EBT nta ngaruka bigira kuri porogaramu y'amafunguro yo mu gihe k'impeshyii y'umwana (abana) wawe cyangwa ku kwemererwa amafunguro y'ubuntu cyangwa y'igiciro kigabanyije.

P-EBT izabarwa nk'uko leta isanzwe itunga abatishoboye?

Gukoresha ibi bigenwa nta ngaruka bigira ku miterere y'ubwimukira bwawe cyangwa bw'umwana (abana) wawe. Ikizamini cyo kwemererwa gutungwa na leta ntikizita ku bigenwa na P-EBT.

Ibi bigenwa bizamara igihe kingana iki?

Ugomba gukoresha ibi ugenerwa mu gihe k'iminsi 365.

Mu gihe ntabonye igisubizo muri ibi bibazo bikunze kwibazwa nahamagara nde?

(833) 940-2990

Kwemererwa EBT mu gihe k'icyorezo (P-EBT) muri Utah



KU BANA YO KWIGA

Iyi mbonerahamwe yagenewe gufasha imiryango ya Utah kumenya niba abanyeshuri bayo bemerewe P-EBT mu mwaka w'amashuri wa 2020-2021. Iyi nyandiko ntiyizeza ibigenwa ahubwo ikoreshwa gusa nk'igikoresho no gutanga amakuru.

